

Dep Rwandaise
MINEDUC

- ingamba



SP

INZIRA ZO GUTEZA IMBERE IBITABO BY'ABANA MU RWANDA

INTANGIRIRO

Kugeza magingo aya, u Rwanda nta matwara ahanywe rufite yo gukangura umuco mu bana ne mu rubyiruko. Kimwe ne ku muco muri rusange, kugeza ubu nta nyandiko zizwi mu Rwanda zigaragaza uburyo buhanye bwo guteza imbere inganda z'ibitabo byo gufasha abana kwihugura no kwidagadurira. Ibitabo byandikirwa abana na byo ni biriya by'amashuri bitangazwa n'icapiro ry'amashuri nyine. Nta gahunda ihari yo kwandika ibitabo bigenewe gufasha abato kwidagadurira no kwagura ubumenyi bakura mu ishuri. Ikibazo rero ni iki? Ese amasomo yateganijwe kuri gahunda y'amashuri yonyine arahagiye kugira ngo umwana uyahabwa akurane roho nzima?

1. Uburezi bw'abana mu Rwanda ni ikibazo cy'ingutu

Ibihe turimo si nk'ibya kera igihe umwana yatererwaga imuhira mu babyeyi, mu baturanyi, mu rungano cyangwa mu buhake no mu matorero. Ikibazo gikomerewe u Rwanda rero ni uko muri iki gihe burikwaka abana bagera ku bihumbi 50 (abenshi bavuka ku bakene) ntibatangira ishuri kandi bujuje imyaka 7. icyo kibazo cy'abana benshi badatangira ishuri kigenda kiremerezwa kurushaho n'abana batangira amashuri abanza ariko bakayavamo imburagihe. Abata amashuri muri iki gihe bagera ku 10% mu mashuri abanza. (abitwa ko biga barabyigana mu ishuri ku buryo abarimu bagira ingorane zo gukurikirana neza imyigire yabo. Birumvikana rero ko ikibazo cyo guteza imbere umuco n'uburezi kitagomba gutandukanywa n'icy'ubukungu. Kubera amikoro make u Rwanda rufite n'ubwiyongere bukabije bw'abaturage, umubare w'abana batiga ushobora kuzagenda wiyongera nihadafatwa imigambi ya kigabo muri iri vugururwa rya politiki. Ibibazo by'uburezi rero ni byinshi ariko iby'umuco byo muri rusange n'uwo kwijijura mu bitabo *ku buryo bwihariye bukabije.*

Ku buryo bwihariye bukabije. Ibyo umwana yigira mu ishuri ntibihagiye akeneye kwihugura no kwidagadurira mu buvanganze buvugwa cyangwa bwanditse.

2. Akamaro k'ibitabo ku mwana

Kimwe ne ku muntu mukuru, "gusoma" bikangura ubwenge bw'umwana kandi bikamufasha kwidagadurira, gutsirika amatsiko. Umwana utaraca akenye usanga ashimishwa gusa no "gusoma amashusho". Ni byiza. Umwana utangiye guca akenye we, ariko utarageza igihe cyo kwiga inyuguti, nawe ubuvanganze bumufitiye akamaro. Ashobora gutega amatwi imigani n'ibitekerezo, inkuru cyangwa amakabyankuru, ndetse nawe agashobora kubara inkuru, gusakuza ibisakuzo, kuvuga imivugo, ibyivugo cyangwa kuririmba uturirimbo tuvugitse neza. Muri icyo kigero cy'umwana utangiye guca akenye, abarezi n'ababyeyi bagombye kuba maso kuko umwana aba atangiye kugira ubushobozi bwo kuvangura ururo n'icyatsi, bwo kumenya ikibi n'icyiza. Mbese ni nko mu gihe cy'imyaka itandatu. Nibwo umwana aba atangiye kumenya kuvugisha ukuri cyangwa kubeshya azi icyo akora. Ni nabwo atangira gufata umuco mwiza cyangwa umuco mubi ushobora kumukurikirana igihe kirekire. Birumvikana ko ahanini agenda yigana abamuruta, cyane cyane abamufiteho ububasha bw'ibintu cyangwa bw'ubuntu.

Muri icyo kigero ntabwo umwana aba agikeneye gutumbira amashusho gusa, ahubwo atangira kwibaza no kubaza icyo inyuguti ziherekeza amashusho zivuye. Aha ni ho ababyeyi bamwe bakunda kugira ibishuko byo kwigisha abana babo inyuguti igihe cy'ishuri kitaragera, ngo umwana wabo azatangire ishuri yarasize bagenzi be. Abahungukiye mu by'uburezi bavuye ko ibyo ari ukwibeshya. ~~Igiteye~~ ^{ababwo} ni ugufasha umwana gukomeza kugira inyota yo kujya kwigira gusoma ku ishuri yubahiriza inama agirwa n'abazimu n'abarezi babihungukiwemo. No mu gihe umwana amaze kugera ku ishuri, ni byiza ko ababyeyi n'abazimu bamurakirirana hafi kugira ngo bashobore gutahura uburyo yifata mu maseho no mu dukino akina wenyine cyangwa akinana n'abandi; kuko muri icyo cyidagaduro habamo n'icyo gusoma inyandiko z'amoko menshi. Ababyeyi n'abazimu bakaba bagomba kuzibamurana ubushishozi kugira ngo abana nibazisoma zibafashe koke kunguka ubwenge, kwidagadurira no gutera umuco mwiza aho kurarukira ibishuko by'abashobora kubayobya.

3. Ubuvinganze bw'abato buteye bute, bungana bute muri iki gihe ?

Umuntu avuye ko mu Rwanda nta buvinganze bugenerwa abana buhari ntiyaba abashye. Ari ubuvinganze nyandiko ari ubuvinganze nyemvugo, abana ntibabuzi uretse ibyo basoma mu ishuri gusa, abashora kujyaye. Uko ibihe bigenda biha ibindi, abana ndetse kimwe n'abantu bakuru bagenda barushaho guca ukubiri n'ubuvinganze ndangagihugu.

Kuva aho abazungu badukiye mu Rwanda, umuryango wa Kinyarwanda wahinduye isura, uburere bw'abana buhera aho buhungabana umwana ntiyongera kuba uw'umuryango ndetse n'abana bagiye bagira Inama bakajya mu ishuri, akenshi byagiye bibaviramo gusuzugura nta kurobamura ibiranga umuco w'ababyeyi babo. Ari mu rugo, ari mu ishuri, ubuvinganze bwa kinyarwanda bwagiye burushaho gusa agaciro. Ubu Radiyo ni yo yasimbuye igitaramo cya kinyarwanda mu bisakuzo, imivugo, imigani, ibyivugo, n'ibindi. Kandi igishekeje ni uko abafite ubushobozi bwo kugura Radiyo ibyo bitarimo bya gakondo babyita amafuti. Rimwe na rimwe igitaramo bacyurwa ari uko hajemo ikinamico riryoreshye cyangwa impaka zishyushye. Ibiganiro byagenewe abana nabyo nta mwanya uhagije biha ubuvinganze.

Ubuvinganze nyandiko nabwo nta buhari, uretse udutabo tw'imubazakurahira tw'inkurashusho cyangwa tw'udukusanyamo muri two tukaba twavuye aka MURAMUTSA Peripetwa kitwa Ngabo na twise nyenyeri (1987) n'aka SIBONANA Antoni kitwa Igitaramo cy'abana (1984). Bene utwo dutabo kandi natwe ntitugera ku bana benshi, n'abatwandika ntibaba basobanukiye neza ikigero cy'abana bandikira icyo ari cyo. Ese n'icyo bakimenyaye byatanga iki ko ababyeyi n'abazimu badashyize hamwe ngo batanze ^{abana} umuco wo gusoma ?

4. Ibibazo biyana n'inyandikire y'ibitabo n'ibinyamakuru by'abana.

a) Ibyerekeye guhanga

Guhanga ibitabo by'abana bigomba ubumenyi n'ubuhanga buhagije. Kwandikira abantu bakuru nibyo byoroshye kuko baba bajijukirwe. Abantu bakuru muraganira ukamenya ibyo bakunda n'ibyo banga. Mbese kwandikira umuntu mukuru ni nko kwandikira.

Naho umwana kumenya ikizashimisha umutima we bishaka ko uba warashoboye gukurikirana imyifatire y'abana benshi kandi badahuje ikigero. Yego n'abantu bakuru baba barigeze kuba abana. Ariko rero nta wakwihandagaza ngo ahanye ko ibyamushimishaga akiri umwana ari byo byanzeza abana b'ubu. Ibyo byose rero bijyana na wa muco w'abanyarwanda wo gusuzugura umurimo w'ubwenge. Ngo "u Rwanda ruzazamurwa n'amaboko y'abana barwo" cyangwa ngo "igihe cy'amagambo (ibitekerezo) cyarashize". Na none birumvikana hiyongeraho ikibazo cy'imibereho mibi, ubukene, gutura habi, gutura nabi ku buryo umuntu akomeza akagugurana n'ibibazo by'ubuzima ntabone agahe ko gukiranura inganzo. Ikindi gica intege abahanzi, ni uko bibaza bati turabyandika ngo bizacapwe na nde? Nibicapwa se ho, bizagurwa na nde. Ku bitabo by'abana ho ni ibindi kuko ^{kubicapisha} bihenda cyane.

b) Ibibazo byo gucapisha

Nubwo mu Rwanda hari amacapiro menshi kandi afite ibikoreshe bya ngombwa hafi ya byose, gucapisha igitabo kibereye abana si ibintu byoroshye. Abatekereje kubigerageza basanze ukuntu bihenda bacika intege. Uwo murimo uhanbaye Leta niyo yawuhangara yifashishije imiryango mpazamahanga yita ku bana nka UNICEF na UNESCO.

c) Gukwirakwiza ibyo abana basoma

Kimwe no kubicapisha, gukwirakwiza ibyandikirwa abana ni umurimo ukomeye ugomba guhagurukirwa n'inzego zose zirebwa n'icyo kibazo. Abana si bo bafite ubushobozi bwo kwivumburira aho inyandiko ziberanye nabo ziri. Niyo bazibona ntibashobora kuzigurira kuko batagira amafaranga. Ikindi kandi ibitabo by'abana, aho biba, birahenda cyane bitewe n'uko kubicapisha bitwara amafaranga menshi. Uretse ababyeyi b'abakire, ubundi biraruhije kugira ngo buri mubyeyi ajye agurira umwana we igitabo. Hagomba ubufatanye. Ndetse byarushaho kuba byiza habonetse uburye bwo gukundisha abana ibitabo, aho kubahemba ibintu by'umurimo gusa nk'igihe babonye amanota menshi cyangwa bagize umunsi mukuru, bakabamenyereza no guhembwa ibihangano by'abana. Wenda byatuma n'abana badakabya kugira inyota y'ibintu ngo babirutishe umuco n'ibyiza biwukomokaho. Nta n'uwa barenganya bigana ababyeyi babo.

d) Umuco wo gusoma

Umuco wo gusoma umwana awutora akiri muto akawukurana. Ni kimwe n'imikino n'inyidagaduro. Utabikundishijwe akiri muto n'iyi akuze arabisuzugura n'ubwo yaba yarize amashuri menshi. Abantu batatojwe umuco wo gusoma bakiri bato niba ubona barangiza amashuri bagakomeza kuba inkandagirahitabo. Birumvikana ko biri kure kugira ngo abana ubwabo babe ari bo bibwiriza kwimenyereza gusoma. Ababyeyi kimwe n'inzego zishinzwe umuco n'uburezi muri zo tukaba twavuye Minisitari ishinze amashuri, ishinze umuco, ishinze gukangura abaturage, ishinze ubuzima, ishinze urubyiruko n'izindi nzego n'imiryango ikerana n'izo za Minisitari.

Ukurikije ikigero cy'abana

- abana b'imicuko usanga badasoma na busa keretse ahari ab'abaherwe baba barereshwa ibitabo biva mu bazungu. Twiyibutse ko gusoma atari ugufindura inyuguti gusa,

umwana utaramenya ize nyuguti ashobora no kwisomera amashusho. Ku bireba abo bana b'imicuko, abashoboye kwiga mu biburamwaka nabo, twarabajije dusanga hafi ya bese nta mucu wo gusoma batowe, ahubwo ahenshi usanga babahemukira bakabahatira inyigisho zihanitse zidahuje n'ikigero cyabo. Ni mu gihe kandi ababigisha ntibaba babihugukiwemo;

- abana bari mu mashuri abanza nabo nta gahunda yo kwimenyereza gusoma bafite. Kere-tse hamwe na hamwe mu mijyi niho usanga ababyeyi bamwe na bamwe bafite bafasha abana babo gusoma inkurushusho zanditse mu gifaransa baziguze mu mazu acuruzwa ibitabo cyangwa bazitiye mu nkoranyabitabo aho ziri. Nta wavuga ibyo abana basoma ngo yibagirwe akanyamukuru Hobe kashinzwe na Kiliziya Gatolika ka kaba gasohoka ari anakopi arenze ibihumbi 100;
- abiga mu mashuri yisumbuye bo, kugira ngo basome ibitabo biterwa n'ikigo bigaho n'uburyo boroherewe ku macumbi no ku ngendo. Akenshi amashuri ayoborwa n'abanyamadini ni yo usanga yitabira gucengeza uwo mucu wo gusoma. Na Kaminuza y'u Rwanda, mu rwego rwe gusakaza umuco, yateganiye uburyo bwo gutiza ibitabo mu mashuri yisumbuye. icyakora muri ibyo byose usanga harimo akajagari kuko akenshi buri muntu akora ibye atitaye kumenya ibye abandi bakora. Usanga hari amashuri atazi ko "Hobe" ibaho. Ugasanga nko mu karere aka n'aka hari inkoranyabitabo itunze ibitabo by'abana, ariko abo bana batazi ko ihari. Byaba byiza abashinzwe uburezi n'umuco mu nzego zose bahuriye hamwe ibitekerezo n'ibikorwa bakirinda gutatanya imbaraga kandi bese icyo bagamije ari kimwe, gufasha umwana gukurana roho nzima.

5. Ibikwiye gukorwa

Hashyirwaho akanama kaba kagizwe n'abahanga mu buvanganze, ubugeni, inyigishirize, uburezi maze kagatoranya buri gihe inyandiko zandikanye isuku kandi zikubiyemo ibisomwa biberanye n'abana, ni ukuvuga ubushobozi bwabo, ibyifuzo byabo kimwe n'ibyo ababyeyi n'umuryango babategerejeho.

Ibyo akanama karobanura inyandiko zigenewe abana kagomba kwitaho

Ibintu byose biranga inyandiko igenewe umwana bikwiye kwitabwaho.

a) Ikigero cy'umwana mu mashuri no mu mavuko

Inyaka umwana amaze avutse cyangwa amaze mu mashuri bigomba kwitabwaho kandi ubusanze biragenda. Kwita ku kigero umwana agezemo bishingiye ku ngorana igitabo gishobora gutera biturutse ku bikivugwamo cyangwa uko cyanditse. Abana batarageza igihe cyo kujya mu ishuri ntibashobora gusoma kimwe n'abatangiye ishuri. Twabibonye abatarajya ku ishuri bisomera amashusho gusa, ntiwabaha rero ibitabo bitamirije inyuguti *ngo babishobore*.

b) Rukuruzi y'inyandiko

Mu nyandiko zigenewe abana ni ngombwa gushakamo ibintu bishobora gukururwa umwana bikamutera inyota yo kuzasomana ibyishimo, ndetse yayirangiza agakomeza kwifuza gusoma izindi nyandiko zimeze nk'iyi. Birwe mu byo umuntu yakeka ko byakururwa umwana ni nk'ibi bikurikira : abantu b'intwari bw'ahantu, abakimyi cyangwa abaririmbyi b'ibirangirire, urwenya, urukundo rwa kibyeyi cyangwa rwa

se rwa kivandimwe, imikino y'abana igasozu, ibintu biteye ubwoba, n'ibindi. Birumvikana ko ibyo byose bigamije gukunda umwana igiye atari byo by'ingenzi byatuma umuntu yifuza ko umwana yasoma inyandiko iyi n'iyi. Ariko ibyo bibuze inyandiko ishobora kutitabwaho.

c) Inyigisho ikubiyemo mu nyandiko

Biba byiza iyo inyandiko umwana asomye imufashije kwagura inyigisho ahabwa n'abaturima cyangwa ababyeyi : ibidukikije, amateka, ubumenyi bw'isi, ibinyabuzima, ubuhanga, imbonezabupfura, ubuvanganzo n'ibindi. Nk'inyandiko yitwa Twise Nyenyeri ya MURAMUTSA Peripetwa yerekana inyamaswa ziri mu cyanya cy'Akagera ikubiyemo inyigisho zibereye abana. Nk'inyandiko yashushanyije ibigwi bya Ruganzu cyangwa umwaduho w'abazungu yakwigisha abana byinshi ndetse n'abantu bakuru. Inyandiko ya SIBOMANA Antoni yitwa Igitaramo cy'abana (1984) yigisha abayisoma kandi ikabafasha kwidagadurira.

d) Kureba ibyo umwana akeneye kumenya *n'uko agomba kwitwara*

Niba ubushobozi n'ubushake bw'umwana bugomba kwitabwaho mukumutegurira ibyo agomba gusoma, birakwiye kureba niba ibyo bamutegurira ari byo akeneye koko, hakurikijwe uburere bwe, umuco yakuriyemo n'ibyo ababyeyi n'abaturage bamutezeho. Ibyo ni nk'ibi bikurikira : kwihangana, kumvikana n'abandi, kudahemuka, imibanire ye n'abo bava inda imwe, ubutwari, ubwitenzi, kugera gahunda itandukanya imikino n'imirimo, n'ibindi.

Inyandiko zigenewe umwana zigomba kurebanurwa neza kuko aba ataragira ubushobozi bwo kwitoranyiriza.

6. Uburyo inyandiko zishyirwa zagezwa ku bana

Nk'uko ibitabo by'amashuri bitangazwa na Minisitari ishinze amashuri nyine, kandi ikaba ari na yo ibikwirakwiza mu mashuri, ibitabo bigamije gutoza abana umuco wo gusoma na byo byatangazwa kandi bigakwirakwizwa na Minisitari ishinze umuco ikoresheje amafaranga Leta yayigenera cyangwa yitabaje imiryango ikorerera mu gihugu, cyangwa se hanze ishishikajwe n'uburere bw'abana. Ibyo ari byo byose kwandikira abana no kubatoza gusoma ntibikwiye kwegurirwa abantu batabihugukiwemo kubera ko bashobora kutabyitaho bitewe n'uko atari ibintu bibyara inyungu z'ubukungu, ubundi kandi Leta igomba kumenya ko ababyeyi batanzwe no guca inshuro atari bo bakwegurirwa bonyine uburere bw'abana babo nk'ubwo bwo kubatoza gusoma. Hagomba ubufatanye hagati y'ababyeyi, abagiraneza n'inzego za Leta mu gushyiraho utunama twaba tugamije guteza imbere iyandikwa n'isomwa ry'ibitabo by'abana. Mbese ku buryo busobanutse, inzego zishobora guteza imbere ibitabo by'abana ni nk'izi :

a. Minisitari zishinzwe umuco n'uburezi ari na zo zashingw a gutangaza ibyo bitabo.

b. Inzego zishinzwe itangazamakuru : izo ahanini zajya zamamaza ibyatangajwe kugira ngo ababikeneye babimenye. Nk'ubu u Rwanda rutegereje televiziyo, ababyeyi bagombye kwitondera uko abana bazabyifatamo. Iyo televiziyo ishobora kubamurikira ku bintu byinshi batazi, bakabona amashusho n'amafoto yabyo, ariko ishobora no kubagabanyiriza ubuhanga bwo kuvuga, gusoma no gusesengura inyandiko.

10. Ababyeyi n'abarinu bakwiriye kumenyereza abana kubahemba ibitabo mu gihe bagize amanota neza cyangwa igihe cy'iminsi mikuru n'amasabukuru.
11. Itangazamakuru ryigenga n'irya leta cyane cyane Radiyo na Televiziyo rikwiriye gushaka uburyo bubonye bwo gukandisha abana ubuvanganzo nko gutegura ibiganiro ku banditse ku dutabo tw'abana, guteganya amakinamico y'abana, udukuru, imigani cyangwa gukinisha amashusho n'ibishushanyo (kuri televiziyo).
12. Inkoranyabitabo y'Igihugu ikwiriye gufatanya n'inkoranyabitabo za rubanda rwa giseseka mu guteganya amasomero y'abana.
13. Abana b'abakene bakwiye kwitabwaho ku buryo bwihariye; bakwiriye gukorerwa gahunda yo kubafasha gusoma ibitabo n'inyamakuru ku buntu.

UMWANZURO

Mu by'ukuri iyo urebye usanga abana bazi neza ko hari Minisiteri y'Amashuri, ibaha amashuri cyangwa ikayabima. Ariko ntabwo bazi ko hari Minisiteri y'umuco ibaho. Kandi ni mu gihe. N'ubwo hari Minisiteri ishinze iby'umuco, abana bo ntacyo ibamariye.

Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye yo bumva ko ari iyabo koko; ibaha abarinu, ikabashakira amakayi, ibitabo n'ibindi bikoresho, ikabagezaho ibiganiro byinshi by'uburezi. Iya ^{ba}biriya bintu byose MINEPRISEC iha abana byaherekezwa n'ibikorwa ndangamuko bya MINESUPRES cyane cyane ibitabo, niho abana bamenyaye ko hari Minisiteri ishinze umuco koko.

Igihe kirageze rero cyo kugira ngo Minisiteri ishinze umuco itangire gukurikirana umuco w'abana bakiri bato, nk'uriya wo gusoma no kwidagadurira mu bitabo. Ibyo MINESUPRES yabikorera ishyiraho gahunda ikamye yo gutera inkunga abanyabugenzi n'abanditsi udutabo tw'abana ku buryo buri mwaka nibura yajya itangaza igitabo kimwe ariko kinoze kandi kikagezwa ku bana bose kigenewe.

Kubera kandi ko umuco atari uw'umuntu umwe cyangwa urwego uru n'uru rw'ubutegetsi, MINESUPRES yashaka uburyo yahuriza hamwe ibitekerezo by'inze zose zirebwa n'ikibazo cyo guteza imbere umuco mwiza mu bana. Imibonano nk'iyi yanoza n'ingamba zo guteza imbere ibitabo by'abana bakidagadurira bakajijuka aho guhozwa mu bitongere by'abanyapolitiki n'abanyamadini.

Inyandiko - rebero

VILASCO, G et ZIDOUEMBA, D.

1. Gestion de l'édition et diffusion du livre dans l'espace francophone
ACCT, 1989, 244 p.
2. Ferre, A. Pour mieux élever nos enfants,
Editions Bourrellier, 1956, 126 p.
3. Minisiteri y'Ubuzima n'Imibereho myiza y'Abaturage, Imyitozo itegura abana kumenya kwandika mu mashuri y'ibiburamwaka, Ibiro bishinzwe uburezi kiburamwaka, 1988, 24 p.
4. SIBOMANA, A. Igitaramo cy'abana, Minisiteri y'Amashuri Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuganga, 1984, 68 p.
5. Habib Tondur, Création d'une maison nationale d'édition, rapport établi à l'intention du gouvernement rwandais par l'UNESCO, 1981, 27 p.
6. IBARWA, comprendre l'Association IBARWA, 1989 87 p.
7. GASIMBA F.X., Rapport sur séminaire culture et industrie (Paris, 9-13 juillet 1990), août 1990, 29 p.

Inzira zo guteza imbere ibitabo by'abana mu Rwanda :

1. Uburezi bw'abana mu Rwanda ni ikibazo cy'ingutu
2. Akamaro k'ibitabo ku mwana
3. Ubuvanganzo bw'abato buteye bute
4. Ibibazo bijyana n'inyandikire y'ibitabo by'abana
5. Ibikwiye gukorwa
6. Uburyo inyandiko zishimwe zagezwa ku bana
7. Ibyifuzo muri make